COPEDU PLC
TWIZIGAMIRE TUGURIZWE
DUTERE IMBERE

**AMASEZERANO Y'UBWIZIGAME BWO KUZAGURA IKINYABIZIGA**

**ABASHYIZE UMUKONO KURI AYA MASEZERANO:**

IKIGO CY'IMARI ICIRIRITSE « COPEDU PLC », gihagarariwe muri aya masezerano na ……………………………….Umuyobozi ushinzwe ishami ry'ubucuruzi hakurikijwe ububasha yahawe n'Umuyobozi Mukuru, Madamu **MUYANGO Raïssa**, aricyo cyitwa « **Uzigama** » mu ngingo zikurikira :

na ………………………. mwene ......................... na ................. ufite **N°** y'Indangamuntu ........................... yatangiwe .................... utuye **mu** ....................... ariwe witwa « **Uzigamirwa** » mu ngingo zikurikira.

**BEMERANIJWE IBI BIKURIKIRA :**

**Ingingo ya 1**: Uzigamirwa yiyemeje kuzigama buri kwezi muri COPEDU PLC, umubare w' amafaranga ............................ (................ Frw) mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12). Umubare w'amafaranga n'itariki ayo mafaranga ashyirirwa kuri konti ntibishobora guhinduka, kandi uzigamirwa ntiyemerewe kubikuza ayo mafaranga, cyereka yabyemerewe na COPEDU PLC, nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 7 y'aya masezerano.

**Ingingo ya 2:** Uzigama yemeye guha uzigamirwa inyungu z'amafaranga **4%** nyuma y'uko igihe cy'amezi yavuzwe haruguru cyubahirizwa kandi ayo mafaranga yazigamwe akiri kuri konti y'uzigamirwa kugeza ku itariki ya ................................

**Ingingo ya 3**: Izo nyungu azazihabwa hakuwemo imisoro iteganyijwe n'amategeko.

**Ingingo ya 4** : Iyo amezi cumi n'abiri **(12)** ashize uzigamirwa yujuje ibyavuzwe mu ngingo ya 1 n'iya 2, asaba inguzanyo yo kugura ikinyabiziga kizaba ingwate ya COPEDU PLC akayihabwa hakurikijwe politike y'inguzanyo . Iyo inguzanyo ntirenza inshuro eshatu **(3)** z'ayo yazigamye.

**Ingingo ya 5** : Impande zombi zumvikanye ko, mu gihe amafaranga yo kugurizwa azarenga miliyoni eshanu **(5.000.000 Frw),** uzigamirwa uzaba ashaka inguzanyo azatanga indi ngwate y'umutungo utimukanwa yiyongera kuri iyo modoka.

**Ingingo ya 6** : Impande zombi zumvikanye na none ko impinduka iyo ariyo yose yerekeranye n'aya masezerano, igomba kumenyeshwa urundi ruhande bikozwe mu nyandiko mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi mbere y'uko impinduka iba.

**Ingingo ya 7** : Iyo uzigamirwa akeneye gusubizwa amafaranga yazigamye hatubahirijwe igihe cy'amezi cumi n'abiri ***(12)*** yari yiyemeje azahabwa amafaranga yazigamye nta nyungu. Iyo nanone uzigamirwa atubahirije itariki yagenwe yo kuba amafaranga ya buri kwezi ari kuri konti, amafaranga y'ubwizigame agezemo asubizwa kuri konti isanzwe nta nyungu, konti yo kuzigama igahita ifungwa.

**Ingingo ya 8**: Impaka zose zakomoka kuri aya masezerano zizakemurwa n'inkiko zibifitiye ububasha mu gihe ubwumvikane buzaba bwananiranye.

Bikorewe i Kigali, ku itariki ya **…./…../…….**, mu nyandiko 2

**Umukono n'Amazina by'uzigamirwa**

………………………………………………

**Umukono w'Umuyobozi w'ishami ry'ubucuruzi muri COPEDU PLC**

………………………………………………